IKIBAZO: NI IRIHE TANDUKANIRO RYA MADHIY NA MASOHORA? NI N'IKI UMUNTU AKORERA UMWENDA WAGIYEHO KIMWE MURI IBYO BYOMBI?

IGISUBIZO: IBISHOBORA KURANGA AMASOHORO UKEMEZA KO ARIYO KOKO NI IBINTU BITATU:

1. KURYOHERWA IGIHE ASOHOKA NO GUCIMBA IMBARAGA NYUMA YUKO ASOHOKA.

2. IMPUMURO YAYO ISANZWE IZWI
3. GUSOHOKANA IMBARAGA YINAGA KU UMUGABO

BURI KINTU CYOSE MURI IBYO BITATU KIRAHAGIJE KWEMEZA KO IGISOHOTSE ARI AMASOHORO, KANDI SINGOMBWA KO BYOSE BIHURIRANA

NAHO MADHIY: YO NI UTUZI TWERA KANDI TWOROSHYE

DUSOHOKA MU GITSINA IYO HABAYEHO GUTEKEREZA KU MIBONANO MPUZA BITSINA CYANGWA SE KUYISHAKA.

MUGUSOHOKA KUTWO TUZI NTA BURYOHE UMUNTU YUMVA NTA NUBWO DUSOHOKANA IMBARAGA YEWE NTA NUBWO UMUNTU ACIKA INTEGE NYUMA YATWO.

IBYO BIBA KU BAGABO NDETSE N’ABAGORE, ARIKO

KU BAGORE HO NI KENSHI KURUSHA ABAGABO.

UWASOHOTSWEMO N'AMASOHORA ATEGETSWE KOGA IJANABA, YABA YASOHOTSE BITEWE N'IMIBONANO CYANGWA IKINDI NDETSE N'UBWO YABA YASOHOTSE BITEWE NO KUROTA.

IMANA YARAVUZE ITI "KANDI NIMUBA MUFITE IJANABA MUJYE MWISUKURA"

NAHO UWASOHOTSWEMO NA MADHIY: WE ATEGETSWE GUTAWAZA GUSA, KUBERA IMVUGO YATURUTSE KURI ALLIY (IMANA IMWISHIMIRE) YARAVUZE ATI "NARI UMUSORE UKUNDA KUGIRA MADHIY MAZE NSABA MIQIDADU NGO AJYE KUMBARIZA INTUMWA MUHAMADI (IMANA IMUHE AMAHORO N'IMIGISHA) ARAMUBAZA, NUKO

ARAMUSUBIZA ATI “AGOMBA GUTAWAZA”

AMASOHORO: HASHINGIWE KU MVUGO Y’ABAMENYI YATORANYIJWE, AFITE ISUKU, HASHINGIWE KU IMVUGO YA AISHA (IMANA IMWISHIMIRE) YARAVUZE ATI “INTUMWA MUHAMADI YAJYAGA YOZA AMASOHORA KU MWENDA WE, AKAJYA KUWUSENGERAMO, NKIWUBONAHO IKIZINGA CY’AHO YAFUZE”

NO MUYINDI MVUGO AISHA ATI: NAJYAGA MVUGUTA UMWENDA W’INTUMWA MUHAMADI CYANE MAZE AKAWUSENGERAMO

ARIKO MADHIY: YO NI INAJISI KUBERA HADITH YA ALLIY YATAMBUTSE.

YANAJE MUZINDI NZIRA, KO INTUMWA MUHAMADI YATEGETSE KOZA IGITSINA NDETSE N’IBIGIKIKIJE HANYUMA UKANATAWAZA.

DUSHINGIYE KU MVUGO YEMEZA KO AMASOHORA AFITE ISUKU, IYO AGIYE KU MWENDA NTABWO UBA UFITE UMWANDA, NUBWO UMUNTU YAWUSENGERAMO NTA KIBAZO.

IBUN QUDAMA: YARAVUZE ATI "NUBWO TUVUGA KO AMASOHORO AFITE ISUKU NI BYIZA KUWUVUGUTA, ARIKO ARAMUTSE ANAWUSENGEYEMO ATAWUVUGUSE NTA KIBAZO"

NAHO UMWENDA WAGIYEHO MADHIY: BIRAHAGIJE GUTERAHO AMAZI KUBERA INGORANE ZIRIMO.

KUBERA IMVUGO YATURUTSE KURI SAHALU BUN HANIFI YARAVUZE ATI "NAJYAGA MPURA N'INGORANE KUBERA MADHIY NKOGA KENSHI, NUKO MBAZA INTUMWA MUHAMADI KURI IBYO, MAZE ARAVUGA ATI "BYARI BIGUHAGIJE KURI IBYO,

GUTAWAZA GUSA, NDAVUGA NTI: YEWE NTUMWA Y'IMANA NAKORA IKI IGIHE MADHIY ZAGIYE KU MWENDA WANJYE? ARAVUGA ATI "BIRAGUHAGIJE GUFATA AMAZI MU KIGANZA CYANE MAZE UGATERA AHO UKEKA HOSE KO ZAGIYE"

IMANA NIYO MUMENYI